Iyo umugabo ahaye ab'iwe ibibatunga yiringiye kuzabihemberwa na Allah, yandikirwa ko atanze ituro

Hadithi yaturutse kwa Abi Masuud (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Iyo umugabo ahaye ab'iwe ibibatunga yiringiye kuzabihemberwa na Allah, yandikirwa ko atanze ituro."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko iyo umugabo atanze ibitunga umuryango we ashinzwe nk'umugore we, ababyeyi be bombi, n'abana be ndetse n'abandi, akabikora yumva ko yiyegereza Allah Nyir'ubutagatifu, ndetse ari nawe atezeho ibihembo, yandikirwa ibihembo nk'iby'utanze ituro.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/6460